RWANDA UTILITIES REGULATORY AUTHORITY
Inspiring development

# ITANGAZO

Nk'uko bisanzwe, nyuma ya buri mezi abiri, ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli biravugururwa, bikajyanishwa n'uko biciro byabyo biba bihagaze ku isoko mpuzamahanga.

Ni muri urwo rwego, Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro (RURA) rumenyesha Abaturarwanda bose ko ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli, i Kigali, bigomba kubahirizwa uhereye ku wa 06 Werurwe kugera ku wa 05 Gicurasi 2022, bivuguruwe ku buryo bukurikira:

- Igiciro cya Lisansi ntikigomba kurenga Amafaranga y'u Rwanda **1,256 kuri Litiro**.
- Igiciro cya Mazutu ntikigomba kurenga Amafaranga y'u Rwanda **1,201 kuri Litiro**.

Nk'uko byakomeje gukorwa kuva Gicurasi 2021 aho Leta y'u Rwanda yigomwa amwe mu mahooro asanzwe yakwa ku icuruzwa ry'ibikomoka kuri peteroli kugira ngo hirindwe izamuka rikabije ry'ibiciro byabyo ku isoko ryo mu Rwanda;

Kuri iyi nshuro nabwo, Leta yigomwe ayo mahooro kugirango igiciro cya Lisansi aho kwiyongeraho amafaranga y'u Rwanda 64 cyiyongereho 31 kuri Litiro naho icya Mazutu cyari kwiyongeraho amafaranga y'u Rwanda 121 cyiyongereho 61 kuri Litiro.

Iki cyemezo cyafashwe mu rwego rwo gukumira ingaruka zashoboraga guturuka ku bwiyongere bukabije bw'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli, bityo zikabangamira umuvuduko ubukungu bw'Igihugu buri kwiyubakiraho nyuma yo gukererezwa n'ingaruka z'icyorezo cya Covid-19;

Bikorewe i Kigali, ku wa 05 Werurwe 2022

RWANDA UTILITIES REGULATORY AUTHORITY
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**Eng. Deo MUVUNYI**
**Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo**

RWANDA UTILITIES REGULATORY AUTHORITY
Inspiring development

# COMMUNIQUE

Every two months, fuel pump prices are revised in order to take into consideration the eventual price changes recorded at the international market.

In this framework, Rwanda Utilities Regulatory Authority (RURA) informs the public that the fuel pump prices applicable in Kigali, from March 06th to May 05th, 2022 are revised as follows:

- The maximum retail price for Gasoline (Premium Motor Spirit) is **1,256Frw/L**.
- The maximum retail price for Diesel (Automotive Gas Oil) is **1,201Frw/L**.

Since May 2021, these fuel pump prices have been stabilized following the strategy adopted by the Government of Rwanda to forego some taxes levied on imports of these petroleum products.

Specifically for this period, the Government of Rwanda avoided the price increase of 64Frw/L for Gasoline and of 121Frw/L for Diesel and therefore allowed the price increases of 31Frw/L and 61Frw/L respectively for Gasoline and Diesel.

This decision was taken in order to avoid the negative consequences of exaggerated fuel price increase that would cause the generalized price increase (inflation) and therefore decelerate the speed on which our economy is recovering from the impact of COVID-19 outbreak.

Done at Kigali, on 05 March 2022.

RWANDA UTILITIES REGULATORY AUTHORITY
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**Eng. Deo MUVUNYI**
**Ag. Director General**

P.O Box: 7289 Kigali-Rwanda
Telephone: +250252584562
E-mail: info@rura.rw
Website: www.rura.rw